



INKINGI
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces



☐: (+250) 728636000

☐ info@fdu-rwanda.com

☐: (+32)478973762 , (+33)650293997, (+44)7982381717
<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

COMITE DIRECTEUR – STEERING COMMITTEE

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances" ; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

ITANGAZO

INAMA MBWIRWARUHAME YA FDU-INKINGI
YABEREYE I BRUSELI MU BUBILIGI KUWA 25/10/2014¹

Kw'italiki ya 25/10/2014 FDU-Inkingi yakoresheje inama mbwirwa-ruhamwe i Brusseli.

Iyo nama yitabiriwe n'abantu barenze 200 baturutse mu bihugu byinshi birimo : Ububiligi, Ubuholandi, Ubudage, Ubufaransa, Ubwongereza, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ndetse hari n'abayikurikiriraga mu Rwanda bakoresheje ubuhanga bwa SKYPE.

Andi mashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsu nayo yari ahagarariwe muri iyi nama. Aha twavugaga nka : **PDP-Imanzi, PDR-Ihumure, PS-Imberakuri, RDI na RNC.**

Inama yatangijwe n'Uwakabili wungirije Umukuru wa FDU-Inkingi (VP2), umurwanashyaka Bukeye Joseph amaze guhabwa ijamba n'ikaze n'umuyobozi wa FDU-Inkingi mu Bubiligi, umurwanashyaka Marcel Sebataware.

Amaze gushimira abari bateraniye aho, Uwungirije Umukuru w'ishyaka yaganiriye n'abari bahari ingingo z'imena zikurikira, aza kwunganirwa n'abagize Komite nyobozi bari bitabiriye iyo nama.

1. Yishimiye ko FDU-Inkingi yashoboye kuvana ishema mu bibazo yari imazemo iminsi, yerekana ko yimirije demokarasi imbere, kuko ijya kurisha ihera ku rugo. Ntiwavugaga ko ushaka demokarasi mu gihugu kandi udashoboye kuyigaragariza mw'ishyaka riyirwanirira.
2. Yibukije ko FDU-Inkingi ari imwe, igizwe n'abarwanashyaka bahujwe n'amatwara, ingamba n'imigambi yayo. FDU si urugaga rw'amashyaka cyanga rw'imitwe ya politiki. Ishyaka ni iry'abarwanashyaka, nta muyobozi ushobora kwiyitiranya n'ishyaka, cyangwa ngo narivamo birihungabanye.
3. Yabwiye abari aho ko Komite Nyobozi ishishikajwe n'ikibazo cy'impunzi aho zaba ziri hose. Ni muri urwo rwego n'ikibazo cya FDLR kiduduhangayikishije kandi akaba nta pfunwe biteye ishyaka ryo kuvugira izo mpunzi zaheze mu mashyamba ya Kongo. Ntawe ugomba kwitwaza impamvu iyo ariyo yose, ngo yongere kumisha amasasu ku mpunzi nk'uko bamwe barimo kubisaba.
4. Yagarutse ku byemezo byafashwe na Kongre yabereye Alost mu Bubiligi², bishimangira ibya Kongre yabereye i Breda mu Buholandi³. Muri ibyo byemezo hakaba ko Umukuru w'ishyaka ari Victoire Ingabire Umuhaza kandi ko, igihe agifunze, uwo mwanya udahatanirwa.

¹ <http://www.fdu-rwanda.com/RW/multimedia/meeting-des-fdu-inkingi-bruxelles-25-10-2014/>

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, (+44)7982381717, info@fdu-rwanda.com

<http://fdu-rwanda.com>,

<http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

5. Ku kibazo cy'amatora azaba muri 2017, yagize ati *"Ikibazo cy'ariya matora ishyaka ryagifasheho umwanzuro ntacyahindutse. Ntidushobora kujya mu matora ya nyirarureshwa abarwanashyaka bacu bafunguwe akamama, ndetse bamwe barambuwe uburenganzira bwabo fatizo bw'ikiremnamuntu cyane cyane ubuhabwa umwenehugu wese, ubwo kugira uruhare mu mitegekere n'imiyoborere y'igihugu."*
6. Ku byerekeye genocide, yibukije ko FDU-Inkingi yemera ko habayeho genoside y'abatutsi. Kwemera ko habaye génoside yakorewe abatutsi ntibivanaho ko hari indi genoside dusaba amahanga kwemeza, nk'uko byasabwe na Mapping Report. Ariko ikidushishikaje si intambara y'imibare y'abapfuye n'amazina byitwa, jenocidi yaduhukuye twese. Abahutu nibumva akababaro k'abatutsi, abatutsi nabo bakumva akababaro k'abahutu, nibwo tuzashobora gufatanya kujjeza buriya butegetsi bw'igitugu. Duharanire kuba abayobozi b'abanyarwanda bese, ubwoko ubwo ari bwo bwose, akarere ako ariko kose.
7. Yibukije ko FDU-Inkingi yahisemo inzira ya politiki n'amahoro kugira ngo ihindure imitegekere y'igihugu. Turacyafite ikivi cya politiki tugomba gusoza mbere yo gutekereza izindi nzira. N'ubwo bitatubuzaga gutekereza izindi nzira, igihe byazaba bibaye ngombwa.
8. Ku byerekeye gufatanya n'andi mashyaka, hibukijwe ko FDU-Inkingi yiyemeje gusenyerera umugozi umwe n'andi mashyaka. Ubwo bufatanye bugashingira kuri programu n'ibikorwa byumvikanyweho. Gusa ntawategereza, cyagwa ngo atekereze ko amashyaka yose ariho abanza kwishyira hamwe ngo hagire igikorwa.

Iryo jambo mushobora kurisanga kuri <http://www.fdu-rwanda.com/RW/kinyarwanda-meeting-ya-fdu-inkingijambo-rya-bwana-joseph-bukeye-2/>

Nyuma y'aho abahagarariye amashyaka bahawe ijambo, bese bahuriza mu gushima intambwe ya demokarasi yagezweho, kandi bishimira ko ubufatanye bw'amashyaka bugenda butera imbere.

Hakurikiyeho umwanya w'ibibazo. Abari mu nama bagarutse ku kibazo cy'amacakubiri yakomeje kugaragara muri FDU. Iki kibazo cyarangijwe no gushyiraho amategeko agenga imikorere y'ishyaka n'imiyitwarire y'abarwanashyaka. Abavuye mw'ishyaka nabo, nibubirahira bagahindura imiyitwarire, amarembo arafunguye. Ikindi kibazo kijyanye n'iki, ni icyo guhindura izina kubera abiyitirira FDU. Hasobanuwe ko inzego z'ishyaka zakiganiyeho, zigasanga atari ngombwa; ntabwo umuntu wari mu nzego z'ishyaka azajya arivamo ngo nakomeza kwiyitirira ishyaka bibe intandaro yo guhindura izina. Abarwanashyaka bamaze guhumuka, ntibacyitiranyaga ururo n'urumamfu.

Abarwanashyaka kandi basobanuriye ko abarwanashyaka ba FDU babishoboye bitabiriye imyigarambyo yo kwamagana uruzinduko rwa Prezida Kagame i London mu ntagiriro z'icyumweru kirangiye. Komite Nyobozi y'ishyaka FDU-Inkingi ikaba yari ihagarariye n'umuvugizi w'ayo, umurwanashyaka Justin Bahunga.

Inama yatangiye saa 15h irangira saa 18h30.

Bikorewe i Brusseli kuwa 26/10/2014
Komiseri Ushinzwe itangazamakuru
Ndereyehe Karoli.

² <http://www.fdu-rwanda.com/RW/kinyarwanda-alost-mu-bubiligi-inyandiko-mvugo-ya-kongere-isanzwe-yabarwanashyaka-b-ishyaka-fdu-inkingi/>

³ <http://www.fdu-rwanda.com/RW/kinyarwanda-breda-mu-buholandi-kongere-idasanze-yabarwanashyaka-b-ishyaka-fdu-inkingi-baba-mu-mahanga/>

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997, (+44)7982381717, info@fdu-rwanda.com

<http://fdu-rwanda.com>,

<http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**: <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us on **Twitter**: <http://twitter.com/VictoireUmuhoza>